

TEGEKO N°05/2017 RYO KU WA 03/02/2017 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA MU RWANDA RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO	LAW N°05/2017 OF 03/02/2017 ESTABLISHING RWANDA LAND MANAGEMENT AND USE AUTHORITY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING	LOI N°05/2017 DU 03/02/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE GESTION ET D'UTILISATION FONCIERES ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT
---	---	--

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere:** Icyo iri tegeko rigamije

**Article One:** Purpose of this law

**Article premier:** Objet de la présente loi

**Ingingo ya 2:** Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

**Article 2:** Legal personality and autonomy

**Article 2:** Personnalité juridique et autonomie

**Ingingo ya 3:** Icyiciro Ikigo gihereyemo

**Article 3:** Category of the Authority

**Article 3:** Catégorie de l'Office

**Ingingo ya 4:** Icyicaro cy'Ikigo

**Article 4:** Head office of the Authority

**Article 4:** Siège de l'Office

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**CHAPTER II: MISSIONS OF THE  
AUTHORITY**

**CHAPITRE II: MISSIONS DE L'OFFICE**

**Ingingo ya 5:** Inshingano z'Ikigo

**Article 5:** Missions of the Authority

**Article 5:** Missions de l'Office

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA  
IKIGO N'AMASEZERANO Y'IMIHIHO**

**CHAPTER III: SUPERVISING ORGAN OF  
THE AUTHORITY AND PERFORMANCE  
CONTRACT**

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE  
L'OFFICE ET CONTRAT DE  
PERFORMANCE**

**Ingingo ya 6:** Urwego rureberera Ikigo

**Article 6:** Supervising organ of the Authority

**Article 6:** Organe de tutelle de l'Office

**Ingingo ya 7:** Amasezerano y'imihigo

**Article 7:** Performance contract

**Article 7:** Contrat de performance

<b>UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BY'IKIGO</b>	<b>CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE AUTHORITY</b>	<b>CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE</b>
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Inzego z'ubuyobozi z'Ikigo</b>	<b><u>Article 8:</u> Management organs of the Authority</b>	<b><u>Article 8:</u> Organes de direction de l'Office</b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Section One:</u> Board of Directors</b>	<b><u>Section première:</u> Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo</b>	<b><u>Article 9:</u> Composition of the Board of Directors of the Authority</b>	<b><u>Article 9:</u> Composition du Conseil d'Administration de l'Office</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 10:</u> Powers of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 10:</u> Pouvoirs du Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 11:</u> Responsibilities of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 11:</u> Attributions du Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 12:</u> Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 12:</u> Attributions du Président du Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 13:</u> Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 13:</u> Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi</b>	<b><u>Article 14:</u> Incompatibilities with membership of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 14:</u> Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa</b>	<b><u>Article 15:</u> Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement</b>	<b><u>Article 15:</u> Causes de perte de qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Itumizwa n'iterana ry'Inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo</b>	<b><u>Article 16:</u> Convening and holding of meetings of the Board of Directors and modalities for decision-making</b>	<b><u>Article 16:</u> Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et les modalités de prise de décisions</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Itumira mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyungura inama</b>	<b><u>Article 17:</u> Invitation of a resource person to the meetings of the Board of Directors</b>	<b><u>Article 17:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration</b>

<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi n'inyandikomvugo yayo	<b><u>Article 18:</u></b> Approval of resolutions and minutes of the Board of Directors	<b><u>Article 18:</u></b> Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi	<b><u>Article 19:</u></b> Rapporteur of the meetings of the Board of Directors	<b><u>Article 19:</u></b> Rapporteur des réunions du Conseil d'Administration
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<b><u>Article 20:</u></b> Personal interest in issues on the agenda	<b><u>Article 20:</u></b> Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	<b><u>Article 21:</u></b> Sitting allowances of members of the Board of Directors	<b><u>Article 21:</u></b> Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration
<b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Urwego Nshingwabikorwa	<b><u>Section 2:</u></b> Executive Organ	<b><u>Section 2:</u></b> Organe Exécutif
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Abagize Urwego Nshingwabikorwa	<b><u>Article 22:</u></b> Composition of the Executive Organ	<b><u>Article 22:</u></b> Composition de l'Organe Exécutif
<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa	<b><u>Article 23:</u></b> Responsibilities of the Executive Organ	<b><u>Article 23:</u></b> Attributions de l'Organe Exécutif
<b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo	<b><u>Article 24:</u></b> Powers and responsibilities of the Chief Director General of the Authority	<b><u>Article 24:</u></b> Pouvoirs et attributions du Directeur Général de l'Office
<b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo	<b><u>Article 25:</u></b> Responsibilities of other staff members of the Executive Organ of the Authority	<b><u>Article 25:</u></b> Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de l'Office
<b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Sitati igenga abakozi b'Ikigo	<b><u>Article 26:</u></b> Statutes governing the staff of the Authority	<b><u>Article 26:</u></b> Statut régissant le personnel de l'Office
<b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa	<b><u>Article 27:</u></b> Salaries and fringe benefits allocated to members of the Executive Organ	<b><u>Article 27:</u></b> Salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif
<b><u>UMUTWE WA V:</u></b> UMUTUNGO N'IMARI	<b><u>CHAPTER V:</u></b> PROPERTY AND FINANCE	<b><u>CHAPITRE V:</u></b> PATRIMOINE ET FINANCES

<b><u>Ingingo ya 28:</u> Umutungo w'Ikigo n'inkomoko yawo</b>	<b><u>Article 28:</u> Property of the Authority and its sources</b>	<b><u>Article 28:</u> Patrimoine de l'Office et ses sources</b>
<b><u>Ingingo ya 29:</u> Ingengo y'imari y'Ikigo</b>	<b><u>Article 29:</u> Budget of the Authority</b>	<b><u>Article 29:</u> Budget de l'Office</b>
<b><u>Ingingo ya 30:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo w'Ikigo</b>	<b><u>Article 30:</u> Use, management and audit of property of the Authority</b>	<b><u>Article 30:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de l'Office</b>
<b><u>Ingingo ya 31:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari</b>	<b><u>Article 31:</u> Annual financial report</b>	<b><u>Article 31:</u> Rapport annuel de l'exercice comptable</b>
<b><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRE ET FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 32:</u> Agaciro k'ibyakozwe</b>	<b><u>Article 32:</u> Validity of actions undertaken</b>	<b><u>Article 32 :</u> Validité des actes posés</b>
<b><u>Ingingo ya 33:</u> Kwegurirwa abakozi</b>	<b><u>Article 33:</u> Transfer of employees</b>	<b><u>Article 33:</u> Transfert du personnel</b>
<b><u>Ingingo ya 34:</u> Kwegurirwa umutungo, imyenda n' amasezerano</b>	<b><u>Article 34:</u> Transfer of property, liabilities and contracts</b>	<b><u>Article 34:</u> Transfert du patrimoine, du passif et des contrats</b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u> Igihe cy'inzibacyuho</b>	<b><u>Article 35:</u> Transitional period</b>	<b><u>Article 35:</u> Période transitoire</b>
<b><u>Ingingo ya 36:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</b>	<b><u>Article 36:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 36:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 37:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</b>	<b><u>Article 37:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 37:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 38:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 38:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 38:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEGEKO N°05/2017 RYO KU WA 03/02/2017 RISHYIRAHO IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA MU RWANDA RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLICA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Mutarama 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 35, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

**YEMEJE:**

**LAW N°05/2017 OF 03/02/2017 ESTABLISHING RWANDA LAND MANAGEMENT AND USE AUTHORITY AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 30 January 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 35, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 139, 165 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

**ADOPTS:**

**LOI N°05/2017 DU 03/02/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE GESTION ET D'UTILISATION FONCIERES ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 janvier 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 35, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et 176;

Vu la Loi Organique n°001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales applicables aux établissements publics;

**ADOPTE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda, cyitwa Ikigo mu ngingo zikurikira. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes Rwanda Land Management and Use Authority hereafter referred to as "the Authority". It also determines its mission, organisation and functioning.

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de l'Office Rwandais de Gestion et d'Utilisation Foncières ci-après dénommé "l'Office". Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

**Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure**

Ikigo gifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi byacyo, gicungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 2: Legal personality and autonomy**

The Authority has legal personality, enjoys administrative and financial autonomy and is governed in accordance with the relevant laws.

**Article 2: Personnalité juridique et autonomie**

L'Office est doté d'une personnalité juridique, jouit d'une autonomie administrative et financière et est géré conformément aux lois en la matière.

**Ingingo ya 3: icyiciro ikigo gihereyemo**

Ikigo kiri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi.

**Article 3: Category of the Authority**

The Authority falls within the category of non-commercial public institutions.

**Article 3: Catégorie de l'Office**

L'Office rentre dans la catégorie des établissements publics à caractère non commercial.

**Ingingo ya 4: icyicaro cy'ikigo**

Icyicaro cy'ikigo kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

**Article 4: Head office of the Authority**

The head office of the Authority is located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be relocated elsewhere on the Rwandan territory when deemed necessary.

**Article 4: Siège de l'Office**

Le siège de l'Office est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

Ikigo gishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa byemejwe n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

The Authority may, when deemed necessary and upon approval by a Prime Minister's Order, have branches elsewhere in the country.

L'Office peut, en cas de besoin et sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre, établir des branches en tout autre lieu du territoire national.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IKIGO**

**CHAPTER II: MISSIONS OF THE AUTHORITY**

**CHAPITRE II: MISSIONS DE L'OFFICE**

**Ingingo ya 5: Inshingano z'Ikigo**

**Article 5: Missions of the Authority**

**Article 5: Missions de l'Office**

Ikigo gifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- 1° gushyira mu bikorwa politiki, amategeko, ingamba n'ibyemezo bya Leta byerekeranye n'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;
- 2° kugira inama Guverinoma, kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa by'ingamba zijyanye n'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;
- 3° guteza imbere ishoramari n'inyongeragaciro mu bikorwa byo gukoresha no kubyaza umusaruro ubutaka mu Rwanda;
- 4° kwandika ubutaka, gutanga no kubika impapuro mpamo zabwo n'andi makuru ku butaka bw'u Rwanda;
- 5° kugenzura ibijyanye n'ubutaka byose no guhagararira Leta mu gukurikirana imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;
- 6° gukora cyangwa gukoresha ibipimo by'inyigo y'imiterere ku bumenyi bw'isi, iby'imiterere y'ubutaka, iby'imbago zo mu mazi, iby'ibibanza n'amasambu, byose bishingiye ku mutungo w'ubutaka;

The Authority has the following main missions:

- 1° to implement national policies, laws, strategies, regulations and Government resolutions related to the management and use of land;
- 2° to provide advice to the Government, monitor and coordinate the implementation of strategies related to the management and use of land;
- 3° to promote activities relating to investment and value addition in the activities related to the use and exploitation of land resources in Rwanda;
- 4° to register land, issue and keep land authentic deeds and any other information relating to land of Rwanda;
- 5° to supervise all land-related matters and represent the State for supervision and monitoring of land management and use;
- 6° to execute or cause to be executed geodetic, topographic, hydrographic and cadastral surveys in relation to land resources;

L'Office a les missions principales suivantes:

- 1° mettre en œuvre les politiques, les lois, les stratégies, les règlements et les décisions du Gouvernement relatives à la gestion et à l'utilisation des terres ;
- 2° conseiller le Gouvernement, suivre et coordonner l'exécution des stratégies relatives à la gestion et à l'utilisation des terres;
- 3° promouvoir les activités d'investissement et de la valeur ajoutée dans les activités d'utilisation et d'exploitation des terres au Rwanda;
- 4° enregistrer les terres, délivrer et conserver les titres fonciers et autres données sur les terres du Rwanda;
- 5° superviser toutes les activités relatives au domaine foncier et représenter l'Etat dans le suivi et le contrôle de la gestion et de l'utilisation des terres;
- 6° exécuter ou faire exécuter les travaux géodésiques ainsi que des levés topographiques, cadastraux et hydrographiques se rapportant aux ressources foncières;

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 7° gukora ubushakashatsi n'inyigo bijyanye n'ubutaka, gutangaza ibivuye muri ubwo bushakashatsi no kubusakaza;  | 7° to initiate research and study on land, publish the results of the research and disseminate them;   | 7° réaliser des recherches et des études foncières, publier les résultats des recherches et les diffuser;  |
| 8° gutegura, kumenyekanisha no gushyira ahagaragara amakarita anyuranye n'ibishushanyo bijyanye n'imitunganyirize y'ubutaka;  | 8° to prepare, disseminate and publish various maps and master plans relating to land management using the most appropriate scales;  | 8° préparer, disséminer et publier des cartes, y compris des cartes et des plans d'aménagement des terres en utilisant les échelles les plus appropriées;  |
| 9° gutegura no kuvugurura amakarita y'imiterere y'ubutaka n'ayandi makarita yihariye;   | 9° to establish and update basic topographic maps and thematic maps;   | 9° établir et garder à jour les cartes topographiques de base et les cartes thématiques;   |
| 10° gusobanura ibipimo ngenderwaho ku bijyanye n'ibi bikurikira:<br><br>a. imicungire y'ubutaka;<br>b. ibipimo by'ubutaka;<br>c. amakuru yerekeye ubumenyi bw'isi n'ikusanya ry'amakuru yerekeye ubutaka;<br>d. amakarita n'ibindi bimenyetso byose byifashishwa mu bumenyi bw'isi; | 10° to define standards for:<br><br>a. land administration;<br>b. land surveys;<br>c. the geo-information, spatial information and land information data collection;<br>d. cartographic representations of geographic features and national spatial data infrastructure; | 10° définir les normes pour:<br><br>a. l'administration des terres;<br>b. l'arpentage;<br>c. la géo-information, l'information spatiale, la collecte des données foncières;<br>d. les représentations cartographiques des entités géographiques et l'infrastructure des données spatiales; |
| 11° gushyiraho amahame, imirongo ngenderwaho y'ikoreshwa ry'ubutaka;  | 11° to set up principles and guidelines related to use of land;  | 11° mettre en place les principes et les directives liés à l'utilisation des terres;   |
| 12° gutunganya, guhuza ibikorwa no gukurikirana ikoreshwa n'isakazwa ry'amakuru ajyanye no kubungabunga ubutaka muri gahunda y'ibikorwaremezo byifashishwa ku rwego rw'Igihugu ku birebana n'amakuru yerekeranye n'ubumenyi bw'isi;   | 12° to organise, coordinate and monitor collection use and dissemination of geo information in the country under the National Spatial data Infrastructure Framework;   | 12° organiser, coordonner et contrôler l'utilisation et la diffusion de la géo-information en rapport avec la gestion foncière dans le cadre de l'infrastructure de données spatiales nationales;  |
| 13° gushyiraho amabwiriza ngenderwaho ajyanye n'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu  | 13° to issue technical instructions related to land management and use to district land bureaux and follow up their implementation;  | 13° donner des instructions techniques relatives à la gestion et à l'utilisation des terres aux bureaux  |



*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

- |   |   |   |
|---|---|---|
| biro by'ubutaka mu turere no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa byayo;  |   | des districts chargés des dossiers fonciers et faire le suivi de leur mise en œuvre;  |
| 14° kwakira no kugenzura imishinga ijyanye no kugura no gukodesha ubutaka bwa Leta, gutanga mu mwanya wa Leta ubukode bw'igihe kirambye no kwemera gutunga ubwo butaka hakurikijwe itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda; | 14° to receive and evaluate proposals to purchase or lease private state-owned land and to issue, on behalf of Government, long term leases and permits to occupy such lands in accordance with the Law governing land in Rwanda; | 14° recevoir et évaluer des propositions pour acheter ou louer des terres privées appartenant à l'État et à délivrer, au nom du Gouvernement, des baux et des permis d'occuper ces terres en conformité avec la loi portant régime foncier au Rwanda; |
| 15° kugenzura no gutuma amasezerano y'ikodeshwa ry'ubutaka yubahirizwa no kujya inama ku ivugurura ryayo;   | 15° to monitor and to enforce the execution of terms of land lease contracts and to advise on their amendment;  | 15° surveiller et faire respecter l'exécution des termes des contrats relatifs à l'utilisation des terres et donner des conseils sur leur modification;   |
| 16° guha agaciro ubutaka bwa Leta kugira ngo ibushyire mu rwego rwo kugurisha, gukodesha, gusoreshwa no gutangwa;   | 16° to undertake or cause to be undertaken all State land valuation for the purposes of its classification for sale, lease, taxation and cession;   | 16° entreprendre ou faire entreprendre toute évaluation des terres de l'Etat aux fins de leur classement pour la vente, la location, la fiscalité et la cession;  |
| 17° kubarura no kugaragaza imitungo yose yo ku butaka mu Gihugu, ubwiza n'imikoreshereze yayo no kubika amakarita, amafoto yafatiwe mu kirere no kuba ikusanyirizo ry'amakuru yabyo;                                  | 17° to carry out an inventory of all land resources in the country, their quality and their use, and act as the keeper and custodian of all national maps, aerial photomaps collections and their database;                       | 17° inventorier toutes les ressources terrestres dans le pays, leur qualité et leur utilisation, et agir comme le gardien de toutes les cartes nationales, des collections de photo-cartes aériennes et de leurs bases de données;                    |
| 18° gukemura amakimbirane ajyanye n'imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka atakemuwe n'uturere cyangwa Umujyi wa Kigali;   | 18° to resolve conflicts relating to land use and management which were not resolved at the District or City of Kigali levels;  | 18° résoudre des conflits relatifs à l'utilisation et à la gestion des terres qui ne sont pas résolus au niveau de Districts ou de la Ville de Kigali;  |
| 19° kugirana ubutwererane n'ubufatanye n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere n'ibyo ku rwego mpuzamahanga hagamijwe kunoza imikorere n'imikoranire mu bijyanye n'imicungire y'ubutaka.                                | 19° to establish cooperation and collaboration with other regional and international institutions with an aim of harmonising the performance and relations on matters relating to management of land.                             | 19° établir des relations de coopération et de partenariat avec d'autres institutions tant régionales qu'internationales en vue d'améliorer la qualité des services et la collaboration en matière de gestion foncière.                               |

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA IKIGO N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO**

**Ingingo ya 6: Urwego rureberera Ikigo**

Urwego rureberera Ikigo rugenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 7: Amasezerano y'imihigo**

Ikigo gikorera ku masezerano y'imihigo.

Uburyo Ikigo gihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yacyo bigenwa n'amategeko abigenga.

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BY'IKIGO**

**Ingingo ya 8: Inzego z'ubuyobozi z'Ikigo**

Ikigo kigizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Urwego Nshingwabikorwa.

**CHAPTER III: SUPERVISING ORGAN OF THE AUTHORITY AND PERFORMANCE CONTRACT**

**Article 6: Supervising organ of the Authority**

An Order of the Prime Minister determines the supervising organ of the Authority.

**Article 7: Performance contract**

The Authority operates on the basis of performance contract.

Modalities for the conclusion and evaluation of the performance contract of the Authority are determined by relevant laws.

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE AUTHORITY**

**Article 8: Management organs of the Authority**

The Authority is comprised of the following two (2) management organs:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the Executive Organ.

**CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE L'OFFICE ET CONTRAT DE PERFORMANCE**

**Article 6: Organe de tutelle de l'Office**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de l'Office.

**Article 7: Contrat de performance**

L'Office fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Les modalités de conclusion et d'évaluation de contrat de performance de l'Office sont déterminées par les lois en la matière.

**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE**

**Article 8: Organes de direction de l'Office**

L'Office est composé de deux (2) organes de direction suivants:

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° l'Organe Exécutif.

**Iciviro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo**

Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo igizwe n'abantu barindwi (7) bashyirwaho n'Iteka rya Perezida, barimo Perezida na Visi Perezida bayo.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushishozi, ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uko basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 10: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo ni rwo rwego rukuru mu miyoborere no gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye bwo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo by'Ikigo kugira ngo gishobore kugera ku nshingano zacyo.

**Section One: Board of Directors**

**Article 9: Composition of the Board of Directors of the Authority**

The Board of Directors of the Authority is composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their wisdom, competence and expertise.

At least thirty percent (30%) of members of the Board of Directors must be females.

The term of office of the members of the Board of Directors as well as their replacement are determined by a Presidential Order.

**Article 10: Powers of the Board of Directors**

The Board of Directors of the Authority is the supreme management and decision-making organ. It has absolute power to make decisions regarding administration, human resources and property of the Authority in order to fulfil its mission.

**Section première: Conseil d'Administration**

**Article 9: Composition du Conseil d'Administration de l'Office**

Le Conseil d'Administration de l'Office est composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice-Président.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur sagesse, leur compétence et leur expertise.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que leur remplacement sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Article 10: Pouvoirs du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration de l'Office est l'organe suprême de direction et de décision. Le Conseil d'Administration a le pouvoir absolu de décision en ce qui concerne l'administration, les ressources humaines et le patrimoine de l'Office pour s'acquitter de sa mission.

**Ingingo ya 11: Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi**

**Article 11: Responsibilities of the Board of Directors**

**Article 11: Attributions du Conseil d’Administration**

Inshingano z’ingenzi z’Inama y’Ubuyobozi y’Ikigo ni izi zikurikira:

The main responsibilities of the Board of Directors of the Authority are the following:

Les principales attributions du Conseil d’Administration de l’Office sont les suivantes:

- 1° gukurikirana imikorere y’Urwego Nshingwabikorwa rw’Ikigo no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n’Urwego Nshingwabikorwa mu kuzuzanya inshingano zarwo;
- 2° kwemeza gahunda y’ibikorwa y’igihe kirekire n’iteganyabikorwa ry’igihe giciriritse n’iry’igihe gito by’Ikigo hamwe na raporo zijyana nabyo;
- 3° gusinyana amasezerano y’imihigo n’urwego rureberera Ikigo no gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ryayo;
- 4° kwemeza amategeko ngengamikorere y’Ikigo;
- 5° kwemeza imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari y’Ikigo no gukurikirana ikoreshejwe ry’ingengo y’imari n’ishyingirwa mu bikorwa ryayo;
- 6° kwemeza raporo y’ibikorwa n’imikoreshereze y’umutungo y’umwaka urangiyeye;
- 7° kwemeza umushinga w’imiterere y’inzego z’imirimo z’Ikigo;

- 1° to oversee the functioning of the Executive Organ of the Authority and provide strategic guidance to be followed by the Executive Organ in fulfilment of its mission;
- 2° to approve long term strategic plan, medium and short term action plan of the Authority and related reports;
- 3° to conclude a performance contract with the supervising organ of the Authority and follow up its execution;
- 4° to approve the internal rules and regulations of the Authority;
- 5° to approve the draft budget proposal of the Authority and to monitor the use of budget and its execution;
- 6° to approve the report on activities and use of property for the previous year;
- 7° to approve the draft organizational structure of the Authority;

- 1° superviser le fonctionnement de l’Organe Exécutif de l’Office et fournir une orientation stratégique devant être suivie par l’Organe Exécutif dans l’accomplissement de sa mission;
- 2° approuver le plan stratégique à long terme, le plan d’action à moyen et court terme de l’Office et les rapports y relatifs;
- 3° conclure un contrat de performance avec l’organe de tutelle de l’Office et faire le suivi de son exécution;
- 4° approuver le règlement d’ordre intérieur de l’Office;
- 5° approuver l’avant-projet de budget de l’Office et assurer le suivi de l’utilisation et de l’exécution du budget;
- 6° approuver le rapport d’activités et d’utilisation du patrimoine de l’année précédente;
- 7° approuver le projet de cadre organique de l’Office;

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

- |   |   |  |
|---|---|--|
| 8° gusuzuma imikorere y'Ikigo hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;       | 8° to evaluate the functioning of the Authority on the basis of the action plan and budget;   | 8° évaluer le fonctionnement de l'Office sur base du plan d'action et du budget;             |
| 9° gutanga raporo y'ibikorwa bya buri gihembwe n'iy'umwaka ku rwego rureberera Ikigo; | 9° to submit quarterly and annual activity reports to the supervising organ of the Authority; | 9° soumettre le rapport d'activités trimestriel et annuel à l'organe de tutelle de l'Office; |
| 10° gufata ibyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano z'Ikigo.               | 10° to take decisions on all critical matters falling under the mission of the Authority.     | 10° prendre les décisions sur tous les sujets cruciaux relevant de la mission de l'Office.   |

**Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

- 1° kuyobora Inama y'Ubuyobozi no guhuza ibikorwa byayo;
- 2° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;
- 3° gushyikiriza inyandikomvugo z'inama z'Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo urwego rukireberera;
- 4° gushyira umukono ku masezerano y'imihigo hagati y'Inama y'Ubuyobozi n'urwego rureberera Ikigo;
- 5° gushyikiriza raporo z'Ikigo zemejwe n'Inama y'Ubuyobozi inzego zibigenewe;
- 6° gukurikirana ishishirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi;

**Article 12: Responsibilities of the Chairperson of the Board of Directors**

The Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

- 1° to lead the Board of Directors and coordinate its activities;
- 2° to convene and preside over meetings of the Board of Directors;
- 3° to submit minutes of meetings of the Board of Directors of the Authority to its supervising organ;
- 4° to sign the performance contract between the Board of Directors and the supervising organ of the Authority;
- 5° to submit the reports of the Authority adopted by the Board of Directors to relevant organs;
- 6° to follow up the implementation of resolutions of the Board of Directors;

**Article 12: Attributions du Président du Conseil d'Administration**

Le Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

- 1° diriger le Conseil d'Administration et coordonner ses activités;
- 2° convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;
- 3° soumettre les procès-verbaux de réunions du Conseil d'Administration de l'Office à son organe de tutelle;
- 4° signer le contrat de performance entre le Conseil d'Administration et l'organe de tutelle de l'Office;
- 5° soumettre aux organes compétents les rapports de l'Office adoptés par le Conseil d'Administration;
- 6° faire le suivi de la mise en œuvre des résolutions du Conseil d'Administration;

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

7° gukora indi mirimo yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

7° to perform such other duties falling within the mission of the Board of Directors as may be assigned to him/her by it.

7° effectuer toute autre tâche relevant de la mission du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

**Ingingo ya 13: Inshingano za Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 13: Responsibilities of the Deputy Chairperson of the Board of Directors**

**Article 13: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration**

Visi Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

The Deputy Chairperson of the Board of Directors has the following responsibilities:

Le Vice-Président du Conseil d'Administration a les attributions suivantes:

1° kunganira Perezida ;

1° to assist the Chairperson;

1° assister le Président;

2° gusimbura Perezida igihe cyose adahari;

2° to deputize for the Chairperson in case of his/her absence;

2° remplacer le Président en cas d'absence;

3° gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi iri mu nshingano zayo.

3° to perform such other duties falling within the mission of the Board of Directors as may be assigned to him/her by it.

3° effectuer toute tâche relevant de la mission du Conseil d'Administration que ce dernier peut lui confier.

**Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi**

**Article 14: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**

**Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo mu Kigo.

Members of the Board of Directors are not allowed to perform any remunerated activity within the Authority.

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer une activité rémunérée au sein de l'Office.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa n'Ikigo.

They are also not allowed, either individually or through companies in which they hold shares, to bid for tenders of the Authority.

Ils ne sont non plus autorisés, soit individuellement ou par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de l'Office.

**Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa**

**Article 15: Reasons for loss of membership in the Board of Directors and modalities for replacement**

**Article 15: Causes de perte de qualité de membre au Conseil d'Administration et modalités de remplacement**

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

A member of the Board of Directors loses membership if:

Un membre du Conseil d'Administration cesse d'être membre si:

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

1° manda ye irangiye;	1° his/her term of office expires;	1° son mandat expire;
2° yeguye akoresheje inyandiko;	2° he/she resigns in writing;	2° il démissionne par écrit;
3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;	3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorized medical doctors;	3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois (3) médecins agréés;
4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);	4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;	4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;
5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;	5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons;	5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables;
6° agaragaje imyitwarire yose yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;	6° he/she manifests any behaviors likely to compromise his/her dignity, that of his/her work or his/her position;	6° il manifeste tout comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang;
7° abangamira inyungu z'Ikigo;	7° he/she jeopardizes the interests of the Authority;	7° il compromet les intérêts de l'Office;
8° ahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide;	8° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;	8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;
9° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwana;	9° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment;	9° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ;
10° apfuye.	10° he/she dies.	10° il décède.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza manda y'uwo asimbuye.

In case a member of the Board of Directors of the Authority leaves his/her duties before the expiration of his/her term of office, the competent authority appoints his/her substitute to complete his/her predecessor's term of office.

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de l'Office perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer le mandat de son prédécesseur.

**Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana ry'Inama z'Inama y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo**

Inama y'Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo iterane.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye gashyikirizwa urwego rureberera Ikigo.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y' Inama y'Ubuyobozi iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

**Article 16: Convening and holding of meetings of the Board of Directors and modalities for decision-making**

The meeting of the Board of Directors of the Authority is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at his/her own initiative or upon request in writing by at least one third (1/3) of its members.

The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) working days before the meeting is held.

Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.

In every quarter, the Board of Directors must examine the financial and activity reports relating to the previous quarter to be transmitted to the supervising organ of the Authority.

The required quorum for a meeting of the Board of Directors to take place is two thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of its members present.

**Article 16: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration et les modalités de prise de décisions**

La réunion du Conseil d'Administration de l'Office se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de sa propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.

L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.

Sur les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et d'activités de l'année précédente.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'organe de tutelle de l'Office.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration est de deux tiers (2/3) de ses membres. Cependant, quand la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de ses membres présents.



*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

Umuyobozi Mukuru yitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi.	The Director General attends the meetings of the Board of Directors.	Le Directeur Général participe aux réunions du Conseil d’Administration.
Uburyo inama y’Inama y’Ubuyobozi ifatamo ibyemezo buteganywa n’amategeko ngengamikorere y’Ikigo.	Modalities for decision-making by the Board of Directors are determined by the internal rules and regulations of the Authority.	Les modalités de prise de décisions par le Conseil d’Administration sont déterminées par le règlement d’ordre intérieur de l’Office.
<b><u>Ingingo ya 17: Itumira mu nama z’Inama y’Ubuyobozi ry’umuntu ushobora kuyungura inama</u></b>	<b><u>Article 17: Invitation of a resource person to the meetings of the Board of Directors</u></b>	<b><u>Article 17: Invitation d’une personne ressource aux réunions du Conseil d’Administration</u></b>
Inama y’Ubuyobozi y’Ikigo ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibyigwa.	The Board of Directors of the Authority may invite in its meetings any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.	Le Conseil d’Administration de l’Office peut inviter à ses réunions toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un quelconque point à l’ordre du jour.
Uwatumwe ntiyemerewe gutora. Ntiyemerewe kandi gukurikirana iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibyigwa.	The invited person is not allowed to vote. He/she is not also allowed to follow debates on other items on the agenda.	La personne invitée n’est pas autorisée à voter. Elle n’est pas non plus autorisée à suivre les débats sur d’autres points à l’ordre du jour.
<b><u>Ingingo ya 18: Iyemezwa ry’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi n’inyandikomvugo yayo</u></b>	<b><u>Article 18: Approval of resolutions and minutes of the Board of Directors</u></b>	<b><u>Article 18: Approbation des résolutions et procès-verbal de la réunion du Conseil d’Administration</u></b>
Inyandiko y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi ishyirwaho umukono n’abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera Ikigo mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi.	Resolutions of the meeting of the Board of Directors are signed by its members immediately after the end of meeting, and a copy thereof is sent to the organ supervising the Authority within five (5) working days.	Les résolutions du Conseil d’Administration sont immédiatement signées par ses membres après la séance de la réunion et leur copie est transmise à l’organe de tutelle de l’Office dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables.
Umuyobozi w’Urwego rureberera Ikigo atanga ibitekerezo ku myanzuro y’ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) y’akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo ayivuzeho imyanzuro y’inama iba yemejwe burundu.	The head of the supervising organ of the Authority gives his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within fifteen (15) working days from receipt thereof. If this period expires before he/she gives his/her views, the	Le responsable de l’organe de tutelle de l’Office donne son avis sur les résolutions de la réunion du Conseil d’Administration dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à partir de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives.

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

resolutions of the meeting are deemed definitively approved.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yoherezwa urwego rureberera Ikigo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera ku munsu yemerejweho.

The minutes of the meeting of the Board of Directors are signed by the Chairperson and its rapporteur and approved during the next meeting. A copy of minutes of the meeting is sent to the organ supervising the Authority within fifteen (15) working days from approval thereof.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la session suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'organe de tutelle de l'Office dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de son approbation.

**Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi**

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo ni we mwanditsi w'inama z'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.

**Article 19: Rapporteur of the meetings of the Board of Directors**

The Director General of the Authority serves as the rapporteur of the meetings of the Board of Directors, but he/she has no right to vote in decision making.

**Article 19: Rapporteur des réunions du Conseil d'Administration**

Le Directeur Général de l'Office est le rapporteur des réunions du Conseil d'Administration, mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.

The Director General of the Authority does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him/her.

Le Directeur Général de l'Office ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions qui le concernent.

Icyo gihe, abagize Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.

In that case, members of the Board of Directors elect among themselves a rapporteur.

Dans ce cas, les membres du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur.

**Ingingo ya 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

**Article 20: Personal interest in issues on the agenda**

When a member of the Board of Directors has a direct or indirect interest in the issue to be examined, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. The member informing of interests in the issue to be examined cannot attend the meeting deliberating on that issue.

**Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce sujet.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera Ikigo rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mironko itatu (30).

**Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama bigenwa n'Iteka rya Perezida.

**Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa**

**Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa**

Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo rugizwe n'Umuyobozi Mukuru ushyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bakozi bahabwa akazi hakurikijwe amategeko abigenga.

Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru Bungiriye, rikanagena ububasha n'inshingano byabo.

Imikorere y'abagize Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo igenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issue to be examined in such a way that it is impossible to take decision on the issue, the issue will be submitted to the supervising organ of the Authority to decide on the matter within thirty (30) days.

**Article 21: Sitting allowances of members of the Board of Directors**

A Presidential Order determines sitting allowances of members of the Board of Directors.

**Section 2: Executive Organ**

**Article 23: Composition of the Executive Organ**

The Executive Organ of the Authority is comprised of the Director General appointed by a Presidential Order and other staff members recruited in accordance with relevant laws.

A Presidential Order may also appoint Deputy Directors General and determine their powers and responsibilities.

An Order of the Prime Minister determines the functioning of members of the Executive Organ of the Authority.

Lorsqu'il apparaît que beaucoup ou tous les membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, ce point est soumis à l'organe de tutelle de l'Office afin de décider sur l'affaire dans un délai de trente (30) jours.

**Article 21: Jetons de présence pour les membres du Conseil d'Administration**

Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration.

**Section 2: Organe Exécutif**

**Article 23: Composition de l'Organe Exécutif**

L'Organe Exécutif de l'Office est composé du Directeur Général nommé par un arrêté présidentiel et d'autres membres du personnel recrutés conformément aux lois en la matière.

Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux Adjoints et déterminer leurs pouvoirs et leurs attributions.

Un Arrêté du Premier Ministre détermine le fonctionnement des membres de l'Organe Exécutif de l'Office.

<b><u>Ingingo ya 23: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa</u></b>	<b><u>Article 23: Responsibilities of the Executive Organ</u></b>	<b><u>Article 23: Attributions de l'Organe Exécutif</u></b>
Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo rufite inshingano z'ingenzi zikurikira:	The Executive Organ of the Authority has the following main responsibilities:	L'Organe Exécutif de l'Office a les principales attributions suivantes:
1° gukurikirana no guhuza imirimo n'ibikorwa bya buri muni;	1° to monitor and coordinate daily duties and activities;	1° suivre et coordonner les tâches et les activités quotidiennes;
2° gushyira mu bikorwa indi nshingano rwahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano z'Ikigo.	2° to perform such other duties falling within the mission of the Authority as may be assigned by the Board of Directors.	2° effectuer toute autre tâche relevant de la mission de l'Office que le Conseil d'Administration peut lui confier.
<b><u>Ingingo ya 24: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo</u></b>	<b><u>Article 24: Powers and responsibilities of the Director General of the Authority</u></b>	<b><u>Article 24: Pouvoirs et attributions du Directeur Général de l'Office</u></b>
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa by'Ikigo.	The Director General of the Authority has the power of decision in the administrative and financial management in accordance with relevant laws. He/she coordinates and directs activities of the Authority.	Le Directeur Général de l'Office dispose du pouvoir de décision dans la gestion administrative et financière conformément aux lois en la matière. Il coordonne et dirige les activités de l'Office.
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo ashinzwe ibi bikurikira:	The Director General of the Authority has the following responsibilities:	Le Directeur Général de l'Office a les attributions suivantes:
1° gukurikirana imirimo ya buri muni y'Ikigo;	1° to follow up daily activities of the Authority;	1° faire le suivi des activités quotidiennes de l'Office;
2° guhagararira Ikigo imbere y'amategeko;	2° to serve as the legal representative of the Authority;	2° être le représentant légal de l'Office;
3° kuba umuvugizi w'Ikigo;	3° to serve as the spokesperson of the Authority;	3° servir de porte-parole de l'Office;
4° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo;	4° to ensure the implementation of decisions of the Board of Directors of the Authority;	4° assurer la mise en œuvre des décisions du Conseil d'Administration de l'Office;

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 5° gucunga abakozi, ibikoresho n'umutungo by'Ikigo no gutanga raporo yabyo ku Nama y'Ubuyobozi; | 5° to ensure the management of staff, equipment and property of the Authority and submit a related report to the Board of Directors; | 5° assurer la gestion du personnel, des équipements et du patrimoine de l'Office et soumettre un rapport y relatif au Conseil d'Administration; |
| 6° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo;       | 6° to prepare the action plan and activities report to be approved by the Board of Directors of the Authority;                       | 6° élaborer le plan d'action et le rapport d'activités à être approuvés par le Conseil d'Administration de l'Office;                            |
| 7° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Ikigo yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi y'Ikigo;   | 7° to prepare the draft internal rules and regulations of the Authority to be approved by the Board of Directors of the Authority;   | 7° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de l'Office à être approuvé par le Conseil d'Administration de l'Office;                   |
| 8° gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Ikigo;                                      | 8° to prepare the draft budget proposal of the Authority;  | 8° préparer l'avant-projet de budget de l'Office;   |
| 9° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari y'Ikigo;   | 9° to ensure the execution of the Authority budget;  | 9° assurer l'exécution du budget de l'Office;   |
| 10° kwitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi no kuba umwanditsi wazo;                                | 10° to attend the meetings of the Board of Directors and act as rapporteur;  | 10° participer aux réunions du Conseil d'Administration et servir de rapporteur;  |
| 11° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi, ijyanye n'inshingano z'Ikigo.               | 11° to perform such other duties relating to the mission of the Authority as may be assigned to him/her by the Board of Directors.   | 11° effectuer toute autre tâche relative à la mission de l'Office que le Conseil d'Administration peut lui confier.                             |

**Ingingo ya 25: Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo**

Inshingano z'abandi bakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Article 25: Responsibilities of other staff members of the Executive Organ of the Authority**

The responsibilities of other staff members of the Executive Organ of the Authority are determined by a Prime Minister's Order.

**Article 25: Attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de l'Office**

Les attributions d'autres membres du personnel de l'Organe Exécutif de l'Office sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

**Ingingo ya 26: Sitati igenga abakozi b'Ikigo**

Abakozi b'Ikigo bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 27: Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa**

Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo biteganywa hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.

**UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI**

**Ingingo ya 28: Umutungo w'Ikigo n'inkomoko yawo**

Umutungo w'Ikigo ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo w'Ikigo ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° ingengo y'imari kigenerwa na Leta;
- 2° inkunga za Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa mu iterambere;
- 3° ibituruka ku mirimo gikora;
- 4° inyungu zikomoka ku mutungo wacyo;
- 5° inguzanyo zihabwa Ikigo zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

**Article 26: Statutes governing the staff of the Authority**

The staff of the Authority is governed by the general statutes for public service.

**Article 27: Salaries and fringe benefits allocated to members of the Executive Organ**

Salaries and fringe benefits allocated to the Executive Organ members of the Authority are fixed in accordance with laws governing public service.

**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**

**Article 28: Property of the Authority and its sources**

The property of the Authority is comprised of movable and immovable assets.

The property of the Authority derives from the following sources:

- 1° State budget allocations;
- 2° State or development partners' subsidies;
- 3° income from services rendered;
- 4° interests from its property;
- 5° loans granted to the Authority as approved by the Minister in charge of finance;

**Article 26: Statut régissant le personnel de l'Office**

Les membres du personnel de l'Office sont régis par le statut général de la fonction publique.

**Article 27: Salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif**

Les salaires et autres avantages accordés aux membres de l'Organe Exécutif de l'Office sont fixés conformément aux lois régissant la fonction publique.

**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**

**Article 28: Patrimoine de l'Office et ses sources**

Le patrimoine de l'Office est composé de biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de l'Office provient des sources suivantes:

- 1° les dotations budgétaires de l'Etat;
- 2° les subventions de l'Etat ou des partenaires du développement;
- 3° les revenus des services prestés;
- 4° les intérêts de son patrimoine;
- 5° les prêts accordés à l'Office approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;

6° impano n'indagano.

**Ingingo ya 29: Ingingo y'imari y'Ikigo**

Ikigo gitegura ingengo y'imari yacyo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha kandi igakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 30: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo w'Ikigo**

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo w'Ikigo bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsu ry'imikoreshereze y'umutungo w'Ikigo buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagera kopi Umuyobozi Mukuru w'Ikigo.

**Ingingo ya 31: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo ashakiriza urwego rureberera Ikigo raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

6° donations and bequests.

**Article 29: Budget of the Authority**

The Authority prepares its annual budget to be approved by the relevant authority and executed in accordance with relevant laws.

**Article 30: Use, management and audit of property of the Authority**

The use, management and audit of the property of the Authority are carried out in accordance with relevant laws.

The Authority internal audit service submits a report to the Board of Directors, with a copy to the Director General of the Authority.

**Article 31: Annual financial report**

Within three (3) months following the end of the financial year, the Director General of the Authority submits the annual financial report to the supervising organ of the Authority after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

6° les dons et legs.

**Article 29: Budget de l'Office**

L'Office prépare son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente et exécuté conformément aux lois en la matière.

**Article 30: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de l'Office**

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de l'Office sont effectués conformément aux lois en la matière.

Le service d'audit interne de l'Office transmet un rapport au Conseil d'Administration et en donne une copie au Directeur Général de l'Office.

**Article 31: Rapport annuel de l'exercice comptable**

Dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice financier, le Directeur Général de l'Office soumet à l'organe de tutelle de l'Office le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IY'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 32: Agaciro k'ibyakozwe**

Ibyakozwe n'Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda, cyashyizweho n'Itegeko n°53/2010 ryo kuwa 25/01/2011 bijyanye n'ubutaka bigumana agaciro kabyo.

**Ingingo ya 33: Kwegurirwa abakozi**

Abakozi bari ab'Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda cyashyizweho n'Itegeko n°53/2010 ryo kuwa 25/01/2011 beguriwe Ikigo gishyizweho n'iri tegeko hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimu yacyo.

**Ingingo ya 34: Kwegurirwa umutungo, imyenda n' amasezerano**

Umutungo wimukanwa, utimukanwa, imyenda n'amasezerano byari iby'Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere mu Rwanda cyashyizweho n'Itegeko n°53/2010 ryo kuwa 25/01/2011 byeguriwe Ikigo gishyizweho n'iri tegeko hashingiwe ku nshingano zacyo.

**Ingingo ya 35: Igihe cy'inzigacyuho**

Hashyizweho igihe cy'inzigacyuho kitarenze amezi atandatu (6) uhereye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubilika y'u Rwanda, kugira ngo ibirebana n'abakozi, amasezerano n'imitungo bijyanye n'inshingano z'iki Kigo bibe byubahirijwe.

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 32: Validity of actions undertaken**

Actions undertaken by the Rwanda Natural Resources Authority established by Law n°53/2010 of 25/01/2011 relating to land remain valid.

**Article 33: Transfer of employees**

Former employees of the Rwanda Natural Resources Authority established by Law n°53/2010 of 25/01/2011 are transferred to the Authority established by this Law in accordance with the organizational structure of the Authority.

**Article 34: Transfer of property, liabilities and contracts**

Movable and immovable property as well as liabilities and contracts of the Rwanda Natural Resources Authority established by Law n°53/2010 of 25/01/2011 are transferred to the Authority established by this Law on the basis of its missions.

**Article 35: Transitional period**

A transitional period not exceeding six (6) months from the date of publication of this law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda is hereby established for provisions relating to employees, contracts and property in connection with the mission of this Authority to be enforced.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRE ET FINALES**

**Article 32 : Validité des actes posés**

Les actes posés par l'Office Rwandais des Ressources Naturelles créé par la Loi n°53/2010 du 25/01/2011 en rapport avec les terres restent valables.

**Article 33: Transfert du personnel**

Les anciens employés de l'Office Rwandais des Ressources Naturelles créé par la Loi n°53/2010 du 25/01/2011 sont transférés à l'Office créé par la présente loi conformément au cadre organique de l'Office.

**Article 34: Transfert du patrimoine, du passif et des contrats**

Les biens meubles et immeubles ainsi que le passif et les contrats de l'Office Rwandais des Ressources Naturelles créé par la Loi n°53/2010 du 25/01/2011 sont transférés à l'Office créé par la présente loi sur base de ses missions.

**Article 35: Période transitoire**

Il est établi une période transitoire ne dépassant pas six (6) mois à compter du jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour que les dispositions relatives au personnel, aux contrats et au patrimoine en rapport



avec les missions de l'Office soient mises en application.

**Ingingo ya 36: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 36: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 36: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 37: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 37: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 38: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 38: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 38: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **03/02/2017**

Kigali, on **03/02/2017**

Kigali, le **03/02/2017**

*Official Gazette n° Special of 03/02/2017*

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux